IGICUMBI MAGAZINE

Umurage Wacu Group

No.#11| Nimero Yihariye 2026 | www.igicumbi.com |

FERWAFA SUPER CUP 2025

Nimero yihariye!

RAYON SPORTS F.C

VS

APR FOOTBALL CLUB

About us

Umurage Wacu Group

It is social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African's Heritage.

Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

To conserve, protect, promote Rwandan and African cultural heritage to the world through cultural exchange programs and photography.

www.igicumbi.com

Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.

Publishes articles in 4 languages (Kinyarwanda, French, English and Kiswahili),

A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.

The 1st website to find information's and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

Igicumbi Magazine

Online and Printed Magazine

Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)

Distributed in libraries, cultural centers,…

Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

FERWAFA SUPER CUP 2025

Tariki ya 10 Mutarama 2025 kuri SItade amahoro habereye umukino usumba iyindi mu Rwanda w'umwaka wa 2025. Ni irushanwa ry'Igikombe Gisumba ibindi mu Rwanda, ri-huza ikipe yatwaye igikombe cy'amahoro n'iya twaye shapiyona y'umwaka uba ushize mu bagabo n'abagore, kikaba mbere y'uko indi shampiyona itangira.
Iyo ikipe imwe muri izo yaba yarabitwaye byombi, hagafatwa ikipe yakinnye finali y'igikombe cy'amahoro.

Cyahuje mu bagabo; **Rayon Sports na APR FC**, mu bagore**; Indahangarwa WFC na Rayon Sports WFC .**

Ni umukino witabiriwe na Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri wa Siporo, Rwego Ngarambe, Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice n'abandi banyacyubahiro ku Mpande zombi.

FERWAFA SUPER CUP 2025: Rayon Sports FC

FERWAFA SUPER CUP 2025: APR FC

FERWAFA SUPER CUP 2025; Ikipe ya Rayon Sports

Ni abakinnyi 11 b'ikipe ba Rayon Sports babanjemo.

FERWAFA SUPER CUP 2025; Ikipe ya APR FC

Ni abakinnyi 11 b'ikipe ya APR FC babanjemo hamwe n'u-mutoza wayo.

FERWAFA SUPER CUP 2025; Abasifuzi

Umusifuzi wo hagati ni NSABIMANA Céléstin , yungirijwe na Dieudonné MUTUYIMANA na Alice UMUTESI, Umusifuzi wa 4 ni Remy Victor NSHIMIYIMANA.

NSABIMANA Céléstin

Dieudonné MUTUYIMANA

Alice UMUTESI

Remy Victor NSHIMIYIMANA

FERWAFA SUPER CUP 2025; Umukino

Ni umukino wabaye tariki ya waranzwe n'ishyaka ryinshi kubera guhangana kw'aya makipe yombi mu Rwanda, iyo yahuye abantu benshi baba bategereje iza gutsinda.
Ni amakipe akomeye mu Rwanda, afite amateka akomeye hagati yayo. Umukino watangiye Saa 18h30.
Ikipe ya APR FC yatangiye irusha ikipe ya Rayon Sports cyane, ku buryo ku munota wa 15 yahushije igitego ku ishoti ryatewe na Memel Dao, Kwizera Olivier arikuramo, umupira usanga Mugisha Gilbert awuteye ujya hejuru y'izamu.

Ku munota wa 18 nibwo ikipe ya APR FC yatsinze igitego cya mbere, biturutse ku mupira umunyezamu Kwizera Olivier yafashe nabi uramucika, maze umukinnyi William Togui wari uhagaze neza awutera mu izamu. Ku munota wa 43, APR FC yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Ronald Ssekiganda n'umutwe ku mupira wahinduwe mu rubuga rw'amahina na Memel Dao. Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0.

Ku munota wa 70, APR FC yatsinze igitego cya gatatu ku mupira Dauda Yussif yateye Yannick Bangala arawugarura, Douda arawusubirana akomereza mu rubuga rw'amahina kugeza arobye umunyezamu Kwizera Olivier.

Ku munota wa 90+3, Rayon Sports yabonye igitego cy'impozamarira cyinjijwe na Ndikumana Asman ku mupira mwiza, Habimana Yves yahinduye, awuruhukiriza mu rushundura.

Ku munota wa 90+5, APR FC yabonye igitego cya kane ku mupira Ruboneka Bosco yinjiranye mu rubuga rw'amahina acenga Kwizera Olivier agwa hasi, awuhinduye, Mamadou Sy awushyira mu izamu.
Umukino warangiye APR FC itsinze Rayon Sports ibitego 4-1.

APR yahawe miliyoni 20 Frw mu gihe Rayon Sports ya kabiri yatahanye miliyoni 10 Frw.

Igikombe cyazanywe na Eric Rutanga wasoje gukina umupira w'amaguru.

FERWAFA SUPER CUP 2025; Amafoto/Photos

CHAMPIONS
FERWAFA SUPER CUP 2025
PEDRO'S COFEE
FERWAFA

FERWAFA SUPER CUP 2025; I Speed Show kuri Sitade Amahoro.

Umunyamerika uzwi ku mbuga nkoranyambaga nka I Speed Show yari mu rugendo muri Afurika, yageze mu Rwanda.

Yabashije kugera muri Sitade Amahoro, hari mu kiruhuko cy'umukino w'abagore ; Rayon Sports n'Indahangarwa WFC

Ikipe ya Rayon Sports mu bagore niyo yatwaye Igikombe Gisumba ibindi mu mwaka wa 2024-2025, itsinze 4:0.

FERWAFA SUPER CUP 2025; Ibitekerezo/ Comments.

Mbere y'umukino, mu kiganiro cy'imikino **Urukiko rw'Ikirenga** cya **Radio Sky Fm TV 93.7** yakiriye abafana ba Rayon Sports **; Mister kabindi na Mathieu** , aba fana bari bafite icyizere ko ikipe yabo iratsinda APR FC. Bavuga ko bafite ikibazo cyuko amatara yaza kuzi-ma mu gihe Rayon yaba itsinze.

Imodoka ya APR FC, ni BUS nshya abakinnyi bajemo , iri bintu byavuzwe cyane mbere y'umukino. Ko ari bus imeze neza, irimo byose.

Nyuma y'umukino mu ikiganiro cya Siporo **Urukiko rw'Ikirenga** cyabaye kuwa mbere tariki ya 12 Mutarama 2026 .Umunyamakuru Kazungu yavuze ko arambiwe Deribi y'umubeya. Deribi irimo ikipe ikomeye n'indi kipe idakomeye, bishatse kuvuga ko ari ugusarura ikigori kiteze.

Umufana @rutikangatheogene yanditse kuri youtube ati: Derby yumubeya se kandi simwe muba mwayikabirije itari yaba.

Amafoto yavuye ku mbuga nkoranyambaga z'amakipe yombi, na Ferwafa.

Kwamamaza-Marketing

Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamuco? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.

Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka n'imirage by'u Rwanda na Afurika.

Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;

Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,

Ukwakira-Ukuboza.

Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,

by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.

Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!

Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye ikinyarwanda,

igifaransa , icyongereza. n'igiswahili.

Soma Igicumbi Magazine kuri:

www.igicumbi.com

Mutwandikire/Contactez-Nous/Contact us:

Email: umuragewacugroup@gmail.com

Tel +250796512151

@umuragewacu

@umuragewacugroup

@umuragewacu